Bibiliya y'abana
irerekana

Igihe Imana yaremye byose



yanditswe na: Edward Hughes

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: Bob Davies; Tammy S.

Story 1 of 60

www.M1914.org

Bible for Children, *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kinyarwanda

Ni nde wa turemye? Bibiliya, Ijambo ry'Imana, itubwira uko ubwoko bw'abantu bwatangiye. Kera mu gihe cyashize, Imana yaremye umuntu wambere maze imwita Adamu.



Imana yaremye Adamu mu mukungugu w'isi. Igihe Imana yahumekeye umwuka w'ubugingo muri Adamu, yabaye muzima. Yibonye we ubwe mu busitani bwiza bwitwaga Edeni.



Mbere yuko Imana irema Adamu, yaremye isi nziza yari yuzuyemo ibintu byiza.



3

Buhoro buhoro ku murongo Imana irema ahantu h'imisozi, ahantu h'ibibaya, indabo zihumura neza, ibiti birebire, inyoni ziguruka z'amabara meza, inzuki, inyamaswa nini n'ibikururа inda byose. Mu by'ukuri Imana yaremye byose, hariho byose.



4

Mu itangiriro, mbere yuko Imana irema ikintu icyo ari cyo cyose, ntacyabagaho usibye Imana. Nta bantu cyangwa ahantu cyangwa ikintu. Nta na kimwe. Nta rumuri nta n'umwijima. Nta hejuru nta no hasi. Nta ejo hashize nta n'ejo hazaza. Hari Imana yonyine yo itari ifite itangiriro. Hanyuma Imana irakora.



Mu itangiriro, Imana yaremye ijuru n'isi.

5

Isi yaritagira ishusho, yariho ubusa. Kandi umwijima wari hejuru y'imuhengeri. Maze Imana iravuga iti: "Reka habe umucyo."

6

Maze umucyo ubaho. Imana yita umucyo amanywa n'umwijima iwita ijoro. Buragoroba buracya wari umunsi wa mbere.



7

Ku munsi wa kabiri, imana izana amazi y'inyanja, inzuzi n'ibiyaga mu isanzure munsi y'ijuru. Ku munsi wa gatatu, Imana iravuga iti, "Habeho ubutaka bwumye." Nuko biraba.



8

Imana irongera itegeka ko habaho ibyatsi, indabo, ibihuru n'ibiti. Ni uko bibaho. Buragoroba buracya wari umunsi wa gatatu.



9

Imana irema izuba n'ukwezi, n'inyenyeri nyinshi umuntu atabasha kubara. Buragoroba buracya wari umunsi wa kane.



10

Ibiremwa byo mu nyanja n'amafi n'inyoni nibyo byari bikurikiye ho kuri gahunda y'Imana. Ku munsi wa gatanu irema ibifi binini n'amato, ibisiga n'inyoni zishimye. Imana yaremye amoko yose y'amafi ngo yuzure amazi yose yo ku isi n'amoko yose y'inyoni ngo anezererwe ubutaka, inyanja n'ikirere. Buragoroba buracya wari umunsi wa gatanu.



11

Nyuma y'ibyo, Imana irongera iravuga. Iravuga iti, "reka isi izane ibifite ubugingo…" amoko yose y'inyamaswa n'ibiguruka n'ibikururuka byose bibeho. Hari inzovu nini. Inkende z'indyarya n'ingona z'imico mibi. Ibihore n'inguge. Twiga n'insamagwe. Amoko yo y'inyamaswa yaremwe n'Imana kuri uriya munsi. Buragoroba buracya wari umunsi wa gatandatu.

12

Imana yakoze ikindi kintu ku munsi wa gatandatu, ikintu kidasanzwe. Ibintu byose byari byabonetse byangombwa ku muntu. Hari ibyo kurya mu mirima n'amatungo yo kumufasha. Nuko Imana iravuga iti, "reka tureme umuntu mu ishusho yacu. Reka abe umutegetsi wa byose ku isi." MAZE IMANA IREMA UMUNTU MU ISHUSHO YAYO; MU ISHUSHO Y'IMANA NIKO YAMUREMYE …



13

Imana ibwira Adamu. "Jya urya ibyo ushaka byose mu busitani. Ariko ntuzigere urya ku giti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi. Nurya kuri icyo giti ntakabuza uzapfa."



14

Uwiteka Imana iravuga iti, "Ntabwo ari byiza ko umugabo aba wenyine. Ngiye ku muremera umufasha." Imana izanira Adamu inyoni zose n'inyamaswa. Adamu abyita amazina byose. Ashobora kuba yarananiwe kubera akazi yakoze. Ariko muri izo nyoni zose n'inyamaswa nta mufasha ukwiriye Adamu wari urimo.

15

Imana isinziriza Adamu. Ikuramo urubavu rumwe rw'umugabo, irema umugore mu rubavu rwa Adamu. Umugore Imana yaremye yari umufasha ukwiriye Adamu.

16

Imana yarangije kurema ibintu byose ku munsi wa gatandatu. Maze Imana iha umugisha umunsi wa karindwi, iwugira umunsi w'ikiruhuko.



17

Mu busitani bwa Edeni, Adamu na Eva umugore we bari bafite ibyishimo byuzuye bubaha Imana. Imana yari usumba byose wabo, yabahaga ibyo bifuza byose, yari n'inshuti yabo.



18

Igihe Imana yaremye byose

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 1-2

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!